MUHUTU Gabriël
B.P.1044
KIGALI

Kigali, kuwa 17 Nyakanga 1989

Bwana Ministiri w'Urubyiruko
n'amashyirahamwe
B.P. 1044 KIGALI

Impamvu : Kwohereza raporo
y'ubutumwa

Bwana Ministiri,

Nshimishijwe no kubohERERERERA raporo y'ubutumwa butegura Isangano ry'Urubyiruko muri Perefegitura ya RUHENGERI.

Nkuko bigaragara muri raporo iri kumwe n'iyi baruwa, iryo sangano ryatangiye gutegurwa nubwo bwose ahenshi batari bazirikanye uruhare runini urubyiruko rufite mu gutegura icyo cyumweru. Amakomini yose yibukijwe ko agomba kwifashisha ibarura ry'ibikorwa bitanga cyangwa byatanga akazi mu cyaro mu gutegura no kwubahiriza iryo sangano. Nta mpungenge kandi bagifite kuko bagejejweho akamaro ko kwiyambaza umushinga "Appui aux micro-réalisations", ukorera muri Ministeri y'Urubyiruko n'amashyirahamwe kandi ukaba ugamije gutera inkunga abanyamishinga iciriritse itanga akazi mu cyaro.

MUHUTU Gabriël
Umukozi wa MIJEUMA

Bimenyeshejwe: - Bwana Perefe wa Perefegitura
RUHENGERI

- Umuhuza w'ibikorwa by'umushinga
"Appui aux micro - réalisations"
KIGALI

RAPORO KU MYITEGURO Y'iCYUMWERU CYAHARIWE "ISANGANO RY'URUBYIRUKO NO KUZIRI KANA UBWIYONGERE BW'ABATURAGE BUTAJYANA N'UBWIYONGERE BW' UMUSARURO MURI PEREFEGITURA YA RUHENGERI.

Intumwa za Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe, uhagarariye ikigo cya ONAPO muri Perefegitura ya RUHENGERI, n'Intumwa ya Ofisi ya Leta ishinzwe itangaza makuru bafatanije n'akanama ka Perefegitura gashinzwe gukurikirana no gutegura icyo cyumweru, kwunganira za komini mu gutegura isangano ry'urubyiruko.

UKO UBUTUMWA BWAGENZE.

Kuva kuwa 10 kugeza kuwa 12/NYAKANGA/1989, hasuwe komini NKUMBA, KIDAHO, MUKINGO, NKURI, NYAKINAMA , NYAMUTERA , NDUSU , GATONDE na CYABINGO.

Muri rusange , ayo makomini yose yatangiye itegura ry'icyo cyumweru uretse GATONDE yateganije gahunda y'ibizakorwa ariko abagize akanama ka komini kagomba gutegura bakaba batarahura ngo bumvikane uko bazakora ndetse n'ibyo bazakora.

Nyamara tugereranije n'imyiteguro y'imyaka ishize hari amakomini yateye imbere cyane. Urugero ni nka komini NKURI yarangije gutegura ibiganiro bizatangwa no kwandika abazazana ibikorwa mu imurika-gurisha. Yateguye kandi neza umuganda kimwe n'imikino ndetse n'imyidagaduro. Igishimishije cyane ni ukubona hose umuganda warateguwe neza .

Ku buryo bw'akarusho komini NDUSU yo yibanze ku ngingo z'ingenzi zikurikira:

- kwegera urubyiruko;
- kureka urubyiruko rukiyoborera kandi rukitegurira isangano ryarwo.

Niyo mpamvu akanama ka komini gashinzwe gutegura icyo cyumweru, kagizwe ahanini n'abakangurambaga b'urubyiruko ndetse n'aba ONAPO muri segiteri. Birashimishije kandi kubona abo bakangurambaga bahagarariye urwo rubyiruko ari bo bazihitiramo kandi bakayobora ibiganiro bateguranye n'impuguke z'ingeri zose.

Komini NDUSU yiyemeje kandi kuzamurika ibikorwa byahesha urubyiruko akazi kuko ngo iryo murika-gurisha ari uburyo bwo kubonera isoko abafite ibikorwa byabuze abaguzi. Iyo komini irashakisha kandi uburyo bwo kwamamaza icyo cyumweru nubwo amikoro ari make. Mu bihe biri imbere irazirikana uburyo bwarangurura amajwi.

INGORANE N'IBYIFUZO.

Muri rusange, itegurwa ry'icyumweru cyahariwe "Isangano ry'urubyiruko no kuzirikana ubwiyongere bw'abaturage butajyana n'ubwiyongere bw'umusaruro", risa n'aho ryibagiwe uruhare rw'urubyiruko mu gutegura icyo cyumweru.

Uretse muri komini NDUSU bazi ko urwo rubyiruko rugomba kwifashisha izindi mpuguke, ahandi hose bari bazi ko izo mpuguke ari zo zishobora kwiyambaza rimwe na rimwe urwo rubyiruko mu gutegura icyo cyumweru.

Na none kandi ahenshi ntibabonaga ko hari ibikorwa byahesha urubyiruko akazi byamurikwa. Muri make ingorane z'ingenzi zari:

- Kutazirikana uruhare runini urubyiruko rufite mw'iryo sangano ;
- Kubura abatanga ibiganiro bityo urubyiruko rukaba rwavunika rugiye gukurikira ibiganiro kuri komini;
- Kwibagirwa akamaro k'ibarura ry'ibikorwa bitanga cyangwa byatanga akazi mu cyaro;
- Gukeka ko abize amashuri aribo bonyine bakenewe mw'itegurwa ry'icyo cyumweru;
- Kudacengerwa neza n'imikorere y'umushinga "Appui aux micro-réalisa tions" bityo kubura amafaranga y'ifatizo bikaba ingorane zo kwibonera akazi mu cyaro.

Duhereye ku ibarura ry'ibikorwa bitanga cyangwa bishobora gutanga akazi mu cyaro no ku ngingo z'ingenzi zigomba kwitabwaho, twatanze ibyifuzo bikurikira:

- Imurika-gurisha, ibiganiro mbwirwa-ruhame, umuganda, imikino n'im yidagaduro bigomba kwifashisha ibarura ry'ibikorwa biriho n'ibishobora kuboneka mu cyaro. Nubwo bwose iryo barura rigomba gukosorwa hamwe na hamwe,ntirigomba kwirengagizwa kandi byaba byiza izo nyandiko zikosowe zikoherezwa muri Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe mbere yo kuwa 25/NYAKANGA/1989.

- Iyo gahunda y'icyumweru cyahariwe "Isangano ry'Urubyiruko no kuziri kana ubwiyongere bw'abaturage butajyana n'ubwiyongere bw'umusaruro" igomba gutegurwa kandi ikubahirizwa n'urwo rubyiruko ruzakomeza kwifashisha impuguke z'ingeri zose. Mw'izo mpuguke harimo cyane cyane abanyamuryango b'amashyirahammwe, abanyabukorikori, abahinzi - borozi babaye intanga rugero n'abandi bose bafite ingero bageza kuri rubanda.

Nta muntu ugomba gutekereza ko utarize amashuri cyangwa uwize make atagira ubwenge. Bityo ntawagombye gushidikanya ko ikiganiro cyerekeranye n'amashyirahamwe umunyamuryango agifitemo uruhare rusumba urw'umunyeshuri runaka utarigeze mw'ishyirahamwe iri n'iri. Birumvikana kandi ko n'uwigeze kuba mw'ishyirahamwe aba azi akamaro ndetse n'ingorane z'amashyirahamwe.

Mu rwego rw'ibiganiro twumvikanye ko bose basangira ijambo aho kuriharira uwaba yaragiteguye.

Ku byerekeye imurika-gurisha, tugereranije n'iry'imyaka ishize, hagombye kuboneka akarusho bityo n'abitwaza ko babuze isoko ry'ibikorwa byabo bakaribona kandi bakiyungura n'ubuhanga mu gukora ibintu byatanga akzi mu cyaro.

Abenshi bavuze ko ibyo bikorwa bishya bigomba amafaranga ariko, ntibatinze kumva akamaro k'umushinga "Appui aux micro-réalisations" ukorera muri Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe, ukaba ugamije gushyigikira ku buryo bwose imishinga iciriritse kandi itanga akazi mu cyaro. Niyo mpamvu hifujwe n'ikiganiro cy'akamaro k'inguzanyo mu kwibonera akazi mu cyaro kandi n'umukangura-mbaga w'uwo mushinga akaboneka ku rwego rwa Perefegitura agahabwa n'uburyo bumworohereza gushyikira abo banyamishinga.

Imyidagaduro yo igomba kuzirikana ingingo z'ingenzi zikubiye muri icyo cyumweru nk'uko byibukijwe n'ubuyobozi bwa Perefegitura mu mabwiriza yandikiwe amakomini yose.

**IMYANZURO**

Uretse Komini GATONDE ikiri inyuma mu myiteguro, izindi zihatiye no gukosora ibitameze neza ku buryo nka komini CYABINGO yo yimeje kuzubahiriza iyo gahunda yose n'ubwo itari yarateganije ko abakangura - mbaga cyimwe n'abandi baturage batize amashuri bakwiyoborera ibiganiro.

Ubutaha isangano ntirizajya ritegereza umwaka wose cyangwa ngo ritegereze Ministeri ishinzwe urubyiruko n'amashyirahamwe, ubutegetsi bwa Perefegitura cyangwa ikigo runaka.

Ngo ibarura ry'ibikorwa bitanga akazi mu cyaro cyangwa ibishobora kuzagatanga, rizatuma iyo mirimo igaragara kandi nta mpungenge yo kubona amafaranga yo gukoresha igihe wa mushinga "Appui aux micro-réalisations" uzaba ukiriho kandi amasoko n'ayo ntazabura igihe "Isangano ry'urubyiruko" rizaba rikomeje ku buryo buhoraho. Ikibazo ahubwo ni uko muri RUHENGERI wa mushinga wita ku banyamishinga iciriritse watinze kumenyekana (muri komini KIDAHO bo ntibari bawuzi). Niyo mpamvu kubona umukangura-mbaga w'uwo mushinga ku rwego rwa Perefegitura byagombye kwihutirwa.

Amakomini yose yashimye byimazeyo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wazanye iryo barura rigaragaza imirimo iriho mu cyaro n'indi ishobora kuhaboneka, bamushimira kandi n'uburyo abana n'amahanga bityo n'umushinga wita ku bikorwa bitanga akazi mu cyaro dukesha imiryango mpuza-mahanga (PNUD na BIT) ukaba ukomeje gushyigikira ibikorwa bitanga akazi mu cyaro.

| NSHIMIYIMANA Alexis | KALISA Emmanuel | MUHUTU Gabriël |
|---|---|---|
| p.o. [signature] | p.o. [signature] | [signature] |